REPUBULIKA Y'U RWANDA

INTEKO Y'UMUCO
RWANDA CULTURAL HERITAGE ACADEMY

**ITANGAZO RY'AMARUSHANWA YA VIDEWO NGUFI KU KINYARWANDA**

Mu rwego rwo kwizihiza Umunsi Mpuzamahanga w'Ururimi Kavukire, gukundisha, kurengera no guteza imbere imikoreshereze iboneye y'Ikinyarwanda, Inteko y'Umuco yateguye amarushanwa yise **"Umunota w'Ikinyarwanda"**. Aya marushanwa akazakorwa mu buryo bwa videwo ngufi (*Short Videos*).

**Ibisabwa abashaka kwitabira aya marushanwa**

- Kuba akoresha imbuga nkoranyambaga zikoreshwa n'abantu benshi
- Kuba akora inkuru (***content creator***) cyangwa ari umuhanzi byaba ari akarusho.

**Ibisabwa kuri videwo ngufi (*short video)* zizahiganwa**

- Kuba iri mu Kinyarwanda gusa kandi kinoze
- Kuba ifite igihe nibura kingana n'amasegonda 30 ariko atarenze 60

**Ingingo zizashingirwaho mu gukora videwo ngufi:**

- *Amakosa mu mivugire y'Ikinyarwanda (Ntibavuga / Bavuga)*
- *Ikoreshwa ry'Ikinyarwanda mu mitangire ya serivisi no buzima bwa buri munsi*
- *Ikoreshwa ry'Ikinyarwanda mu rubyiruko muri iki gihe no mu muryango nyarwanda.*

**Uwitabira amarushanwa agomba kuba yemera ko:**

- Videwo ari iye kandi ari umwimerere
- Mu gihe yatoranywa yayimenyekanisha kubamukurikira ku mbuga nkoranyambaga nka bumwe buryo buzifashishwa mu gutoranya uzahiga abandi,
- Videwo ye yatambutswa ku mbuga nkoranyambaga z'inzego zifite mu nshingano kubungabunga Ikinyarwanda
- Videwo ye yakoreshwa mu bikorwa by'ubukangurambaga ku Kinyarwanda

**Ibihembo ku bazahiga abandi**

Hazahembwa batatu (3) ba mbere bazahiga abandi; bakazashyikirizwa ibihembo byabo mu birori byo kwizihiza Umunsi Mpuzamahanga w'Ururimi Kavukire 2026.

Videwo igomba kuba ifite ubutumwa bwigisha, igaragaza ikoreshwa rinoze ry'Ikinyarwanda kandi yubahiriza umuco nyarwanda. Igomba gukorwa mu buryo bw'umukino (*skits*) cyangwa mu buryo bwo kubara inkuru (*Storytelling*). Videwo kandi igomba kuba iri mu buryo bwa MP4.

Abujuje ibisabwa barasabwa kohereheza videwo zabo cyangwa umuyoboro (*Link*) zabonekaho kuri e-mail: amarushanwa@rwandaheritage.gov.rw bitarenze ku wa 08 Gashyantare 2026. Ku bindi bisobanuro mwahamagara kuri terefoni nomero 0788286911 cyangwa 0783007205.

**Bikorewe i Kigali ku wa 19 Mutarama 2026.**

Digitally signed by RCHA(Director General)

**Amb.Robert MASOZERA,**
**Intebe y'Inteko y'Umuco.**